**REPUBULIKA Y'U RWANDA**
**MINISITERI Y'IBIDUKIKIJE**
**IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE UBUMENYI BW'IKIRERE**


B P: 898, Kigali, Rwanda, Website: www.meteorwanda.gov.rw
Toll free :6080

# IKINYAMAKURU K'IMIHINDAGURIKIRE Y'IKIRERE No 14, KIGENEWE ABAHINZI-BOROZI, IGICE CYA KABIRI GICURASI (11-20) 2020

**Cyasohotse ku itariki ya 22 Gicurasi, 2020**

## Iriburiro

Mu minsi icumi y'igice cya kabiri, Gicurasi 2020 kuva tariki ya 11 kugeza tariki ya 20, ahenshi mu gihugu habonetse imvura ihagije ugereranyije n'isanzwe igwa muri ayo matariki mu gihe cy'imyaka myinshi. Imvura nyinshi yapimwe ku bupimiro bwa Busogo mu Karere ka Musanze hapimwe milimetero 60.2. Ahapimwe imvura nke ni ku bupimiro bwa Nyagatare mu Karere ka Nyagatare ingana na milimetero 3.1; Intara y'Amajyaruguru ndetse n'iy'Iburengerazuba niho habonetse imvura nyinshi kurusha izindi Ntara.
Ibipimo by'ubushyuhe ni nk'ibisanzwe mugice cya kabiri cya Gicurasi bityo bikaba bigaragara ko bitahindutse cyane ugereranyije n'iminsi icumi ishize; Igipimo cy'ubushyuhe bwo hejuru cyari hagati ya dogere Selisiyusi(°C ) 20.8 muri Gicumbi na 30.3°C mu Bugarama naho igipimo cy'ubushyuhe bwo hasi cyari hagati ya 12.2°C ku bupimiro bwa Musanze na 19.8°C ku bupimiro bwa Bugarama.





**Ishusho 1**: Imvura yaguye ugereranyije n'isanzwe igwa muri iyo minsi.

## 1.0. Imvura yaguye

Aha turerekana ingano y'imvura yaguye, umubare w'iminsi imvura yaguye n'ubuhehere bw'ubutaka mu minsi icumi y'igice cya kabiri cya Gicurasi 2020.

## 1.1. Ingano y'imvura yaguye

Ikarita ya mbere hasi irerekana ingano y'imvura yaguye mu minsi icumi y'igice cya kabiri cya Gicurasi 2020. Igiteranyo cy'imvura mu minsi icumi y'igice cya kabiri cyari hagati ya milimetero 3.8 na milimetero 60.2. Imvura nyinshi yaguye ku bupimiro bwa Busogo mu karere ka Musanze mu Ntara y'Amajyaruguru (60.2mm). Ahaguye imvura nke ni ku bupimiro bwa Nyagatare mu karere ka Nyagatare hapimwe milimetero 3.1.





*Ikarita ya 1: Ingano y'Imvura muri mm*

## 1.2 Imvura isanzwe igwa mu minsi icumi y'igice cya kabiri cya Gicurasi

Ufatiye ku bipimo by'igihe kirere, ikarita ya kabiri iratwereka imvura isanzwe igwa mu minsi icumi y'igice cya kabiri cya Gicurasi.


Ubusanzwe iki igice cya Gicurasi kigusha imvura iri hagati ya milimetero 14.5 na 44.5; bigaragara ko ugereranyije imvura yaguye n'isanzwe igwa mu gihe kirekire, imvura yaguye yari iringaniye ahenshi, uretse mu bice by'Intara y'Amajyaruguru ndetse nibyo mu Ntara y'Uburengerazuba hapimwe imvura nyinshi, naho mu ntara y'Amajyepfo, mu Karere ka Nyagatare, Gatsibo na Kayonza habonetse imvura nke ugereranyije n'isanzwe ihagwa.




*Ikarita ya 2: Imvura isanzwe igwa mu gice cya kabiri cy'ukwezi kwa Gicurasi*


## 1.3. Umubare w' iminsi imvura yaguyemo

Ikarita ya 3 iragaragaza umubare w'iminsi imvura yaguyemo, mu gice cya kabiri mu kwezi kwa Gicurasi 2020. Umunsi tubara ko wagushije imvura ni uwapimweho byibuze milimetero 0.85 cyangwa nyinshi. Muri rusange imvura yapimwe hagati y'umunsi umwe n'iminsi irindwi (1-7) nubwo ahenshi mu gihugu imvura yaguye yari hagati y'iminsi 4 n'iminsi 7. Imvura yaguye umunsi 1 ku bupimiro bwa Nyagatare naho iminsi myinshi yabaye 7 ku bupimiro bwa Rusizi na Rubavu mu Ntara y'Iburengerazuba.




*Ikarita ya 3: Umubare w'iminsi imvura yaguyemo*

### 1.4. Ubuhehere bw'Ubutaka




*Ikarita ya 4: Ubuhehere bw'ubutaka*


Ikarita ya 4 iragaragaza ko muri rusange ahenshi mu gihugu ubuhehere bw'ubutaka muri iyi minsi icumi y'igice cya cya kabiri cya Gicurasi 2020 bwaragabanutse cyane cyane bitewe n'ibihe by'imvura n'umucyo byaranze iyi minsi. Hateganyijwe ko ubuhehere bw'ubutaka buzakomeza kugabanuka mu gice cya gatatu cya Gicurasi bitewe n'uko imvura izakomeza kugabanuka mu gice cya gatatu cya Gicurasi.

## 2.0. Ibipimo by'ubushyuhe

Aha turareba muri rusange uko ibipimo by'ubushyuhe bwo hejuru no hasi hirya no hino mu gihugu byari bimeze.

### 2.1 Igipimo cy'ubushyuhe bwo hejuru


Ikarita ya 5 irerekana ubushyuhe bwo hejuru. Ugendeye ku bipimo by'ubushyuhe dusanzwe dupima, ahenshi mu gihugu ubushyuhe bwari mu kigereranyo cy'impuzandengo y'igihe kirekire; mu Ntara y'Iburasirazuba, mu Mujyi wa Kigali, ndetse n'igice kinini cy'Iburengerazuba cyane cyane mu Majyepfo yaho niho hashyushye kurusha ahandi mu gihugu naho mu Ntara y'Amajyaruguru akaba ariho hakonje ugereranyije n'ahandi mu gihugu. Ibipimo by'ubushyuhe byari hagati ya dogere Selisiyusi 20.8 na 27.0 ahenshi mu gihugu; uretse ku bupimiro bwa Bugarama hashyushye cyane hapimwe dogere selisiyusi 30.3.




*Ikarita ya 5: Ubushyuhe bwo hejuru*

### 2.2. Igipimo cy'ubushyuhe bwo hasi

Ikarita ya gatandatu irerekana uko ubushyuhe bwo hasi bwanganaga. Ubushyuhe bwo hasi bwari hagati ya Dogere Selisiyusi $12.2^{0}C$ (Gicumbi) na Dogere Selisiyusi $19.8^{0}C$ (Bugarama). Mu Majyaruguru y' u Rwanda niho hakonje cyane kurusha utundi duce tw'igihugu.





*Ikarita ya 6: Ubushyuhe bwo hasi*

### 3.0 Iteganyagihe rigenewe abahinzi mu minsi icumi y'igice cya gatatu cya Gicurasi (tariki 21-31) 2020

### 3.1 Ikirere giteganyijwe

Ugereranyije ibice bibanza(igice cya mbere n'icya kabiri) bya Gicurasi n'igice cya gatatu (21-31) cya Gicurasi 2020, hateganyijwe ko imvura izagabanuka mu gice cya gatatu cya Gicurasi 2020. Mu gihugu cyacu hateganyijwe imvura izagera kuri milimetero 60. Mu turere twa Rubavu, Nyabihu, Nyamasheke, igice cy'Akarere ka Musanze, Rutsiro, Ngororero n'inkengero z'ishyamba rya Nyungwe mu turere twa Nyaruguru, Nyamagabe na Rusizi hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 40 na 60 mu minsi icumi iri imbere. Mu turere dusigaye tw'Intara y'Iburengerazuba, Intara y'Amajyaruguru, n'igice cy'Intara y'Amajyepfo gihana imbibi n'Intara y'Iburengerazuba hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 20 na 40. Intara y'Iburasirazuba, Umujyi wa Kigali no mu gice cy'Amayaga mu Ntara y'Amajyepfo hateganyijwe imvura iri munsi ya milimetero 20. Umubare w'iminsi imvura izagwamo uzagabanuka mu gihugu hose ugereranyije n'iminsi icumi y'igice cya kabiri cya Gicurasi. Igabanuka ry'imvura riraturuka ku ihuriro ry'imiyaga yari imaze iminsi ihurira mu karere u Rwanda ruherereyemo riri kwerekeza mu gice cya ruguru y'Afrika. Imvura iteganyijwe ahanini ko izaturuka ku miterere ya buri hantu ndetse n'ihuriro ry'imiyaga ritari ryarangira mu Karere u Rwanda ruherereyemo.




*Ikarita ya 7: Iteganyagihe ry'imvura mugice cya gatatu cya Gicurasi*

### 3.2 Ibirebana n'imirimo y'ubuhinzi

Dushingiye ku bipimo bigaragaza ko imvura izakomeza kugabanuka mu gice cya gatatu cya Gicurasi 2020 (tariki 21-31), abahinzi barashishikarizwa gukomeza gukurikiranira hafi ibihingwa ndetse bakomeza kugisha inama abashinzwe ubuhinzi babegereye. Barashishikarizwa kandi kujya basura urubuga rwa Meteo Rwanda www.meteorwanda.gov.rw, cg guhamagara umurongo utishyurwa 6080.